CAISSE D'ENTRAIDE DE BUTARE
C/o UNIVERSITY OF RWANDA
P.O.Box 117 BUTARE, HUYE DISTRICT

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMURYANGO BA CEB: IMPINDUKA MU GUTANGA INGUZANYO

Hashingiwe ku mwanzuro w'Inama y'Ubutegetsi ya CEB wafatiwe mu nama yayo isanzwe yateranye kuwa 25/06/2024,

Abanyamuryango ba CEB bamenyeshejwe ibi bikurikira:

1) Imitangire y'inguzanyo y'ingoboka (*Social loan*) guhera ku itariki ya **08/07/2024**:

   - Inguzanyo y'ingoboka ihwanye n'igiteranyo cy'amafaranga umunyamuryango yizigamiye mu gihe cy'amezi atandatu ashize, ukubye inshuro esheshatu (6). N'ubwo bimeze gutyo, mu rwego rwo gusaranganya ubushobozi buhari, nta munyamuryango wemerewe kurenza **Frw 1.500.000 mbumbe**.
   - Umunyamuryango uhawe inguzanyo y'ingoboka ingana gutyo yemerewe gusaba indi nyuma y'**amezi atatu (3)**
   - Umunyamuryango uhawe inguzanyo isanzwe yemerewe gusaba inguzanyo y'ingoboka nyuma y'**amezi atatu (3)**
   - Umunyamuryango uhawe inguzanyo y'ingoboka asabwa kujya atanga buri kwezi ubwizigame butari munsi ya **50%** by'impuzandengo (*average*) y'amafaranga yizigamiye mu gihe cy'amezi 6 ashize. Igihe ubwo bwizigame butagera kuri Frw 15.000 ku kwezi, umunyamuryango asabwa kubwongera.

2) Inguzanyo idasanzwe (*Special loan*) ikomeje kuba **Frw 500.000 mbumbe** ku mwaka (i.e. umwaka w'ibaruramari)

CAISSE D'ENTRAIDE DE BUTARE
CEB
TEL: (250) 531188

3) *Emergency loan* ikomeje kuba **Frw 1.050.000 mbumbe** yishyurwa mu mezi atatu (3)
4) **Inguzanyo isanzwe yihutirwa** (*urgent ordinary loan*) yongeye gusubukurwa
5) **Inguzanyo isanzwe** (*ordinary loan*) ikomeje gutangwa nk'uko bisanzwe
6) Umunyamuryango uzajya akererwa kwishyura inguzanyo yahawe azajya asabwa kongeraho 15% ku mwaka by'amafaranga yakerewe kwishyura.

Bikorewe i Huye, kuwa 25/06/2024

**Dr MUTWARASIBO Faustin**,
Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya CEB

CAISSE D'ENTRAIDE DE BUTARE
CEB
TEL:(250) 531188